

**Umwaka wa 49 n° idasanzwe
02 Nzeri 2010**



**Year 49 n° Special
02 September 2010**

**49^{ème} Année n°spécial
02 septembre 2010**

**Igazeti ya Leta ya
Repubulika y'u
Rwanda**

**Official Gazette of
the Republic of
Rwanda**

**Journal Officiel de
la République du
Rwanda**

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

A. Amategeko/Laws/Lois

N° 04/2010/OL ryo kuwa 12/08/2010

Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n°29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigena inzego z'imitengekere y'Igihugu cy'u Rwanda.....3

N° 04/2010/OL of 12/08/2010

Organic Law modifying and complementing Organic Law n°29/2005 of 31/12/2005 determining the administrative entities of the Republic of Rwanda.....3

N° 04/2010/OL du 12/08/2010

Loi Organique modifiant et complétant la loi organique n°29/2005 du 31/12/2005 portant organisation des entités administratives de la République du Rwanda.....3

N° 31/2010 ryo kuwa 12/08/2010

Itegeko ryemerera kwemeza burundu iyinjizwa ry'u Rwanda mu Muryango Nyafurika w'Akarere wo kurengera umutumgo bwite mu by'ubwenge (ARIPO)8

N° 31/2010 of 12/08/2010

Law authorising the accession of Rwanda to the African Regional Intellectual Property Organization (ARIPO).....8

N° 31/2010 du 12/08/2010

Loi autorisant la ratification de l'adhésion du Rwanda à l'organisation régionale africaine de la propriété intellectuelle (ARIPO).....8

B. Amateka ya Perezida/Presidential Orders/Arrêtés Présidentiels

N°54/01 ryo kuwa 19/08/2010

Iteka rya Perezida rishyiraho uburyo umuyobozi yakira cyangwa atanga impano
n'amaturo14

N°54/01 of 19/08/2010

Presidential Order determining the modalities for a leader to receive or give donations
and gifts.....14

N°54/01 du 19/08/2010

Arrêté Présidentiel portant modalités pour une autorité de recevoir ou de faire des
dons et offrandes14

N°55/01 ryo kuwa 30/08/2010

Iteka rya Perezida rishyiraho ibiceri bishya by'amafaranga makumyabiri (20 Frw)
n'amafaranga atanu (5 Frw) bifite agaciro mu Rwanda.....23

N°55/01 of 30/08/2010

Presidential Order issuing new twenty francs (Rwf 20) and five francs (Rwf 5) coins
as legal tender in Rwanda.....23

N°55/01 du 30/08/2010

Arrêté Présidentiel portant émission des nouvelles pièces de monnaie de vingt francs
(20 Frw) et cinq francs (5 Frw) ayant cours légal au Rwanda.....23

C. Iteka rya Minisitiri/Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

Nº 10 ryo kuwa 28/07/2010

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bw'imenyekanisha ry'ikigo, iry'abakozi n'imiterere
y'igitabo cy'umukoresha.....31

Nº 10 of 28/07/2010

Ministerial Order determining the modalities of declaration of the enterprise, workers
and nature of employer register31

Nº 10 du 28/07/2010

Arrêté Ministériel fixant les modalités de déclaration d'une entreprise, de la main
d'œuvre et de tenue du registre de l'employeur.....31

ITEKA RYA PEREZIDA N°54/01 RYO
KUWA 19/08/2010 RISHYIRAH
UBURYO UMUYOBOZI YAKIRA
CYANGWA ATANGA IMPANO
N'AMATURO

PRESIDENTIAL ORDER N°54/01 OF
19/08/2010 DETERMINING THE
MODALITIES FOR A LEADER TO
RECEIVE OR GIVE DONATIONS AND
GIFTS

ARRETE PRESIDENTIEL N°54/01 DU
19/08/2010 PORTANT MODALITES
POUR UNE AUTORITE DE RECEVOIR
OU DE FAIRE DES DONS ET
OFFRANDES

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Abayobozi barebwa n'iri teka

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'impano cyangwa amaturo

Ingingo ya 4: Ibihe Umuyobozi yemerewe gutangamo cyangwa kwakiramo impano n'amaturo

Ingingo ya 5: Agaciro k'impano cyangwa amaturo umuyobozi yemerewe kwakira cyangwa gutanga

Ingingo ya 6: Ahashyirwa impano cyangwa amaturo byakiriwe

Ingingo ya 7: Ibihano bihabwa umuyobozi wakiriye cyangwa watanze impano cyangwa amaturo anyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 8: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Ingingo ya 9: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

TABLE OF CONTENT

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Leaders governed by this Order

Article 3: Definition of donations or gifts

Article 4: Circumstances allowed for a leader to receive or give donations and gifts

Article 5: Value of gifts or donations a leader is allowed to receive or offer

Article 6: Disposal of donations and gifts received

Article 7: Sanctions to a leader who receives or offers donations and gifts in violation of this Order

Article 8: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 9: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Autorités auxquelles s'applique le présent arrêté

Article 3: Définitions des dons ou offrandes

Article 4: Circonstances dans lesquelles une autorité est autorisée à offrir les dons et offrandes ou à les recevoir

Article 5: Valeur des dons ou offrandes que l'autorité peut accepter ou offrir

Article 6: Disposition des dons ou des offrandes reçus

Article 7: Sanctions applicables à l'autorité ayant reçu des dons ou offrandes en violation du présent arrêté

Article 8 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Article 9: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 54/01 RYO
KUWA 19/08/2010 RISHYIRAHO
UBURYO UMUYOBOZI YAKIRA
CYANGWA ATANGA IMPANO
N'AMATURO**

**Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;**

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 112, iya 120, iya 121; iya 182, n'iya 201;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga N° 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 3, iya 9, n'iya 10;

Dushingiye ku Itegeko n° 25/2003 ryo kuwa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;

Bisabwe na Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika;

Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 08/06/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza

**PRESIDENTIAL ORDER N° 54/01 OF
19/08/2010 DETERMINING THE
MODALITIES FOR A LEADER TO
RECEIVE OR GIVE DONATIONS AND
GIFTS**

**We, KAGAME Paul,
President of the Republic;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date especially Articles 112, 120, 121, 182 and 201;

Pursuant to Organic Law n°61/2008 of 10/09/2008 on the Leadership Code of Conduct in Articles 2, 3, 9, and 10;

Pursuant to Law n° 25/2003 of 15/08/2003 establishing the organization and functioning of the Office of the Ombudsman as amended to date, especially in Article 7;

On proposal by the Minister in the Office of The President;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/06/2010;

**ARRETE PRESIDENTIEL N° 54/01 DU
19/08/2010 PORTANT MODALITES
POUR UNE AUTORITE DE RECEVOIR
OU DE FAIRE DES DONS ET
OFFRANDES**

**Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 120, 121, 182 et 201;

Vu la Loi Organique n° 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques, en ses articles 2, 3, 9 et 10;

Vu la Loi n° 25/2003 du 15/08/2003 portant organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman, telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 7;

Sur proposition du Ministre à la Présidence de la République;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/06/2010;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigamije gushyiraho uburyo n'igihe umuyobozi ashobora kwakira cyangwa gutanga impano n'amaturo n'imikoreshereze yabyo.

Ingingo ya 2: Abayobozi barebwa n'iri teka

Iri teka rireba abayobozi bavugwa mu Itegeko Ngenga n° 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imytwarire y'abayobozi mu nzego za Leta zikurikira:

1° abayobozi b'ikirenga ari bo Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe;

2° abayobozi bakuru ari bo abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga n'abandi bashyirwaho n'iteka rya Perezida hamwe n'abashyirwaho n'iteka rya Minisitiri

**HAVE ORDERED AND HEREBY AVONS ARRETE ET ARRETONS:
ORDER:**

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the modalities for a leader to receive or give donations and gifts and their disposal.

Article 2: Leaders governed by this Order

This Order governs leaders mentioned in the Organic Law n° 61/2008 of 10/09/2008 on the Leadership Code of Conduct, hereby mentioned:

1° high ranking leaders who are President of the Republic, President of the Senate, Speaker of the Chamber of Deputies, President of the Supreme Court and the Prime Minister;

2° senior officials who are Cabinet Ministers, Ministers of State, Members of Parliament, Judges of the Supreme Court and other officials appointed by a Presidential Order as well as those appointed by

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté a pour objet de fixer les modalités pour une autorité de recevoir ou faire des dons et donner des offrandes et déterminer leur gestion.

Article 2: Autorités auxquelles s'applique le présent arrêté

Le présent arrêté s'applique aux autorités ci-après énumérées prévues dans la Loi Organique n° 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques:

1° les hautes autorités de la République, à savoir le Président de la République, le Président du Sénat, le Président de la Chambre des Députés, le Président de la Cour Suprême et le Premier Ministre;

2° autorités de rang supérieur, à savoir les membres du Gouvernement, les membres du Parlement, les juges de la Cour Suprême et d'autres responsables nommés par arrêté présidentiel et arrêté du Premier

- w'Intebe kugeza ku Muyobozi Mukuru n'abandi bari ku rwego rumwe na we;
- 3° abayobozi b'inzego za Leta, aba serivisi za Leta n'ab'ibigo bya Leta, bagengwa mu mirimo yabo na sitati cyangwa bakora imirimo yo mu rwego rwa politiki;
- 4° abahagarariye abo bayobozi mu minsi mikuru, mu nama cyangwa mu biganiro batumiwemo.
- a Prime Minister's Order to the Director General and those falling in the same job classification level;
- 3° heads of public institutions, Government services and institutions governed by statutes or people holding political offices;
- 4° the representatives of officials in different meetings and festivities.
- Ministre jusqu'au Directeur général et ceux du même rang ;
- 3° les autorités responsables des institutions de l'Etat, des services étatiques et des établissements publics, qu'elles soient sous statut ou mandataires politiques ;
- 4° les représentants de ces autorités en différentes réunions ou festivités.

Iningo ya 3: Ibisobanuro by' impano cyangwa amaturo

Muri iri teka, "impano" cyangwa "amaturo" bisobanuwe ku buryo bukurikira:

1° umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa cyangwa undi mutungo wose ushabora guhabwa agaciro mu mafaranga uhawе umuyobozi cyangwa umuyobozi aha undi muntu burundu ku buntu;

2° serivisi iyo ari yo yose ubusanzwe yishyurwa, umuyobozi ashobora gukorerwa cyangwa akayikorera undi ku buntu cyangwa ku giciro gito ku

Article 3: Definition of gifts or donations

For the purpose of this Order, "donations" or "gifts" are defined as follows:

1° movable or immovable property or other property that is valued in monetary term given/received by a leader freely;

2° any service that is usually payable that a leader may enjoy freely or rendered on a lower price than the one provided;

Article 3: Définitions des dons ou offrandes

Au sens du présent arrêté, les termes "dons" ou "offrandes" ont la signification suivante:

1° bien meuble ou immeuble ou tout autre patrimoine évaluable en monnaie reçu/ offert gratuitement à l'autorité ou par l'autorité;

2° tout service habituellement payable qu'une autorité peut recevoir ou donner gratuitement ou à un prix illusoire ;

giteganyije;

3° kwakira cyangwa kuzimana bikozwe cyangwa bikorewe umuyobozi.

Ingingo ya 4: Ibihe umuyobozi yemerewe kwakiramo cyangwa gutangamo impano n'amaturo

Umuyobozi yemerewe kwakira cyangwa gutanga ku buryo budasanzwe impano cyangwa amaturo mu bihe bikurikira:

1° kurinda isura nziza y'Ighugu;

2° kubahiriza umuco w'Ighugu cy'amahanga;

3° kwitura impano cyangwa ituro;

4° gukumira icyatesha agaciro urwego ruhagarariwe.

3° hospitality received or given to a leader

Article 4: Circumstances allowed for a leader to receive or give donations and gifts

A leader is allowed to receive or give gifts or donations in the following exceptional circumstances:

1° safeguarding the good image of the Country;

2° adhering and respecting foreign culture;

3° reciprocating the offer;

4° avoiding an embarrassment to an Institution represented.

3° hospitalité accordée par ou à l'autorité.

Article 4: Circonstances dans lesquelles une autorité est autorisée à recevoir ou à donner les dons et les offrandes

Une autorité est autorisée, de façon exceptionnelle, à recevoir un don ou une offrande ou à les donner dans les circonstances suivantes:

1° dans le cadre de sauvegarder la bonne image du Pays;

2° dans le contexte de respecter la culture d'un pays étranger;

3° dans le cadre de réciprocité;

4° dans le cadre d'éviter un embarras à l'institution représentée.

Ingingo ya 5: Agaciro k'impano cyangwa amaturo umuyobozi ashobora kwakira cyangwa gutanga

Perezida wa Repubulika yemerewe gutanga impano cyangwa amaturo hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta.

Article 5: Value of gifts or donations a leader may receive or offer

The President of the Republic shall be allowed to offer a gift or a donation in accordance with the provisions of the Law determining the State Finances.

Article 5: Valeur des dons ou offrandes que l'autorité peut accepter or offrir

Le Président de la République peut offrir un don ou une offrande conformément à la loi portant fixation des finances de l'Etat.

Ku byerekeye kwakira impano cyangwa amaturo n'imikoreshereze yabyo, Perezida wa Repubulika yubahiriza ibiteganywa n'iri teka.

Abandi bayobozi ntibemerewe, mu bihe bisanzwe, kwakira cyangwa gutanga impano cyangwa amaturo bifite agaciro karenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 Frw).

Icyakora, mu bihe bivugwa mu ngingo ya 4 y'iri teka, umuyobozi ashobora kwakira impano cyangwa amaturo bifite agaciro gasumba akavugwa mu gika kibanziriza iki.

Iyo umuyobozi wakira cyangwa utanga impano ari uwo mu Rwego rw'Umuvunyi kandi agaciro kakaba karenze akavugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, agomba kubimenesha Biro ya Sena mu nyandiko.

Umuyobozi ni we ugereranya mu bushishozi bwe agaciro k'impano cyangwa amaturo ahawé.

Iningo ya 6: Ahashyirwa impano cyangwa amaturo byakiriwe

Umuyobozi wakiriye impano cyangwa

The provisions of this Order shall apply to the President of the Republic concerning receiving of gifts or donations and their disposal.

Other leaders shall not in normal circumstances receive or offer a donation or gift whose value exceeds One hundred thousand Rwandan francs (100,000 Rwf).

However, under the exceptional circumstances mentioned in the Article 4 of this Order, a leader may receive a gift or donation whose value exceeds the amount stipulated in the preceding paragraph.

If the official receiving or offering a gift or donation that exceeds the amount prescribed in paragraph one of this article is from the Office of the Ombudsman, he/she shall inform the Bureau of Senate in writing.

The leader shall, by his/her discretion, estimate the value of the gift or donation received.

Article 6: Disposal of gifts and donations received

A leader who receives a gift or a donation

Les clauses du présent arrêté sont applicables au Président de la République en ce qui concerne la réception et la disposition des dons et offrandes.

Dans des circonstances normales, les autres autorités ne peuvent pas recevoir ou offrir un don ou un cadeau dont la valeur excède cent mille francs rwandais (100.000 Frw).

Néanmoins, dans des circonstances exceptionnelles stipulées à l'article 4 du présent arrêté, l'autorité peut accepter de recevoir un don ou un cadeau dont la valeur excède celle énoncée dans l'alinéa précédent.

Lorsque l'autorité qui reçoit ou offre un don ou un cadeau dont la valeur excède celle visée à l'alinéa 3 du présent arrêté relève de l'Office de l'Ombudsman, elle doit en informer par écrit le Bureau du Sénat.

L'autorité estime, à sa discrétion, la valeur du don ou du cadeau qu'elle reçoit.

Article 6: Disposition des dons ou des offrandes reçus

Une autorité qui reçoit des dons ou des

amaturo abishyikiriza biherekejwe n'inyandiko, Urwego, Ikigo cyangwa Serivisi ahagarariye.

Icyakora, mu gihe iyo mpano cyangwa amaturo bivugwa mu gika kibanziriza iki bidashobora gukoreshwa n'urwego, ikigo cyangwa serivise byahawe, bibishyikiriza Minisiteri cyangwa urwego rufite mu nshingano zayo ibyerekeleranye n'imikoreshereze y'iyo mpano cyangwa amaturo bigakoreshwa mu nyungu rusange.

Mu gihe iyo mpano cyangwa amaturo nta Minisiteri cyangwa urwego bifitanye isano itaziguye, bishyikirizwa Minisiteri ifite isanduka ya Leta mu nshingano zayo. Imikoreshereze y'izo mpano cyangwa amaturo avugwa muri iki gika agenwa n'amabwiriza ya Minisitiri ufite isanduku ya Leta mu nshingano ze.

Urwego rw'Umuvunyi rumenyeshwa mu nyandiko urwego rwashyikirijwe impano cyangwa amaturo afite agaciro karenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 Frw).

Iyo impano cyangwa amaturo ari ibikoreshwa n'umuntu ku gitи cye kandi agaciro kabyo katarenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u

shall with an accompanying letter, deliver it to the Institution he/she represents.

However, in case the Institution whose leader received the gift or donation mentioned in the preceding paragraph is unable to utilize it, that institution shall forward the gift to the line Institution that has capacity to make it profitable for the public interest.

In case there is no Institution that has a direct link with the gift or donation received, the latter shall be forwarded to the Ministry in charge of Public Treasury in its attributions. The modalities of usage of a gift or a donation mentioned in this paragraph shall be established by instructions of the Minister in charge of State Treasury in his/her attributions.

The Office of the Ombudsman shall always be informed, in writing, of the disposal of a gift or donation whose value exceeds One Hundred Thousand Rwandan Francs (100,000 Rwf).

If the gift or donation is meant for personal use a leader shall keep it for him/herself if its value does not exceed One Hundred

offrandes les fait parvenir à l'institution, l'établissement ou le service dans lequel il travaille avec une lettre de transmission.

Néanmoins, si les dons ou offrandes visés au précédent paragraphe ne peuvent pas être utilisés par une institution, un établissement ou un service qui les a reçus, ceux-ci les confient au Ministère ou à une autre institution ayant dans ses attributions l'usage de ces dons et offrandes pour qu'ils soient utilisés dans l'intérêt public.

A défaut de Ministère ou d'institution dont les attributions cadrent avec les dons et les offrandes, ceux-ci sont transférés au Ministère ayant le trésor public dans ses attributions. L'usage de dons ou d'offrandes visés à l'alinéa précédent est déterminé par instructions du Ministre ayant le trésor public dans ses attributions.

L'Office de l'Ombudsman est informé par écrit, de la disposition des dons ou des offrandes reçus qui excèdent cent mille francs rwandais (100.000 Frw).

Lorsque les dons ou les offrandes sont des effets personnels et que leur valeur n'excède pas cent mille francs rwandais (100 000 Frw),

Rwanda (Frw 100.000) bigumanwa Thousand Rwandan Francs (100.000 Rwf). ils restent en possession de l'autorité qui les a reçus.

Iningo ya 7: Ibihano bihabwa Umuyobozi wakiriye cyangwa watanze impano cyangwa amaturo binyuranyije n'iri teka

Umuyobozi utubahirije ibiteganywa n'iri teka ahanishwa ibihano biteganyijwe n'Itegeko Ngenga n° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta.

Iningo ya 8: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri ufité isanduku ya Leta mu nshingano ze basabwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Iningo ya 9: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 7: Sanctions to a leader who receives or offers gifts and donations in violation of this Order

A leader who violates provisions of this Order shall be sanctioned in accordance with the relevant provision of the Organic Law n° 61/2008 of 10/09/2008 on the Leadership Code of Conduct.

Article 8: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister and the Minister with State Treasury in his/her attributions are entrusted with the implementation of this Order.

Article 9: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 7: Sanctions applicables à l'autorité ayant reçu des dons ou des offrandes en violation du présent arrêté

L'autorité qui ne respecte pas les dispositions prévues par le présent arrêté encourt les sanctions prévues par la Loi Organique n° 61/2008 du 10/09/2008 déterminant le code de conduite des autorités de l'Etat.

Article 8: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre et le Ministre ayant le trésor public dans ses attributions sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 9: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 19/08/2010

Kigali, on 19/08/2010

Kigali, le 19/08/2010

(se)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(se)
KAGAME Paul
President of the Republic

(se)
KAGAME Paul
Président de la République

(se)
MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(se)
MAKUZA Bernard
Prime Minister

(se)
MAKUZA Bernard
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(se)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya
Leta

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(se)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République:

(se)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

\